# 0046

K0223900

| | | |
|---|---|---|
| **IDENTIFICATION** | : | **0046**<br>**KT00-0887 RTLM 06/01/94** |
| **DUREE** | : | **60 MIN.** |
| **QUALITE** | : | **MAUVAISE** |
| **TRANSMISSION** | : | **RTLM** |
| **DATE DE TRANSCRIPTION** | : | **21/09/2001** |
| **NOM DU TRANSCRIPTEUR** | : | **ICYITEGETSE Drocella** |
| **NOM DU FICHIER** | : | **0046.doc** |
| **DICTAPHONE** | : | **SANYO**<br>**Modèle : TRC-8080**<br>**N° de série : P9407754 F** |

## REVISED VERSION OF K020-5640

**Cassette N° 0046 transcrite par I.D.**

**FACE A**

**Orateur: Kantano HABIMANA**

...MRND mu kiganiro mbwirwabanyamakuru bagiranye n'abanyamakuru benshi ba Leta, abi... abigenga hariya... muri Hôtel Mériden Umubano ku Kacyiru. Ndakeka yuko mwagiye mutoramo ibintu bimwe na bimwe... by'ukuri kandi bigaragara byerekana amacenga ariho ubu ngubu n'impamvu zayo.

Mureke rero noneho mbasomere... (inaudible) bagira gute, hanyuma rero... hum, Konseye wa Kagugu, Konseye wa Kagugu, RUDASINGWA Jean-Baptiste yavuze ati "rwose mu gitondo mwamvuzeho ibintu" ngo "ndimo ndatongana n'abarimu" ngo "ntabwo nabujije abana kwiga". Ati "rwose mu by'ukuri... mu by'ukuri rwose munyamakuru Kantano umbabarire rwose, ee ni byo koko abantu iyo babana bagirana ibibazo, mfitanye ikibazo n'umugabo witwa MURASANDONYI kubera ko yara (interruption)".

... MRND, ikiganiro cya MRND bahise batelefona cyane bati "nyabuneka, nyabuneka, ikiganiro rwose nikigumemo, ntabwo, ntibishoboka, kiraryoshye, kiradusobanurira ibintu bikomeye mu... ibintu tutari tuzi". Maze rero rwose... icyo abantu bifuje kuri RTLM ni cyo ibakorera, mu kanya nimara kubasomera aya matangazo, murakomeza mwumve nyine ikiganiro cy'aba... cy'aba...kuru ba MRND ba... bagiranye n'abanyamakuru. Kirasobanura ibintu byinshi abantu bamwe batari bazi neza, bibazaga, bamwe baribaza bati "ese MRND izajya muri Guverinoma"? Ibyo babisubije? "Ntizajyamo"? "Bizagenda gute"? Ibyo rero murumva yuko ni bu... ni ibibazo, ni ibisubizo mbasubiza mu kanya gatoya.

Hinga rero mbasomere... (interruption)

**Orateur: Mathieu NGIRUMPATSE ?**

...(inaudible) tuzabasobanuza iyo équilibre des forces, bavuge aho yanditse muri aya

masezerano. Iyo équilibre ni bwoko ki? Uretse iyo batashatse kwandika, ariko bari bagamije no gukuramo ishyaka MRND. Ubwo rero ni byo bababwiye ko "hari igihe abantu bacikwa", ubwo bo baracitswe noneho berekana icyo bari bagamije. Nta kindi rero ni icyo, ibindi byose ni amayeri. Bo barareba bati "ikipe yacu yasinye amasezerano i Buruseli, umuvandimwe wacu FPR araje aje kwinjira mu butegetsi. Twari twumvikanye ko tuzafatanya twese hamwe muri Guverinoma no mu Nteko ishinga amategeko tugafata ubutegetsi bw'igihugu bwose byanze bikunze, nta yindi nzira binyuzemo". (Musique)

Muri uko rero kubikora babona ko noneho ubu ari yo... uko ibintu byifashe. Mu ishyaka MDR, icyo gihe ryari kumwe ryose rijya gusinyira i Buruseli. Habonetsemo Abanyarwanda bavuga bati "ibyo byo gushyikiriza ubutegetsi FPR ku ngufu cyangwa ku mayeri, ntabwo tubona ko ari yo demukarasi". Mu ishyaka PL abo Banyarwanda na bo babonekamo. Abandi babibonye gutyo, bati "noneho équilibre des forces" (inaudible).

Rero niba...berure batubwize ukuri, babwire Abanyarwanda ukuri k'uko babona amasezerano icyo bita "équilibre des forces (inaudible) ni ugushyikiriza FPR n'abavuga rumwe na yo mu gihugu ubutegetsi bwose. Icyo ni cyo cy'ukuri ibindi byose babinyuza ku ruhande biba ari ibintu (inaudible).

Aha rero ni ho umuntu nyinye yakwibaza ikibazo gikomeye cyo kumenya, ni ukubusaranganya hagati ya nde na nde? Nkibaza ko na FPR n'abandi Banyarwanda bose bakwiye kwibaza icyo kibazo. Niba FPR n'abayoboke babo bo mu gihugu cyangwa abavuga rumwe na yo ari bo bafashe ubutegetsi bonyine mu Nzibacyuho, ubwo butegetsi buzaba busaranganyijwe hagati ya nde na nde?. Ubu rero bagombye kumva ko icyanditse mu mategeko yashyizweho Arusha, ari ukugabana ubutegetsi, ari ukubusaranganya atari ukubaha (sic) atari ukubuha agatsiko kamwe kayobowe na FPR. Naho ubundi haba ari uburyo bwo kubufata ku ngufu, kandi babeshya ngo ni demukarasi bashaka.

Ikindi rero navuga ni ikijyanye... n'ariya mayeri bakoresha ashingiye ku nzira ngo amashyaka agomba kunyuramo kugira ngo atange ilisiti y'abadepite. Biranditse ko amashyaka ari yo ashyiraho abadepite, nta n'ubwo bavuga ko hari uwo baya... ba...

bayashyikiriza cyangwa bakora proposition. Biranditse ko "les partis nomment les députés à l'Assemblée nationale de transition". Iyo ni ingingo (inaudible). Indi ngingo ya kabiri ikavuga ko Perezida wa Repubulika ayobora inama ya mbere y'inama … y'Inteko ishinga amategeko yaguriyemo FPR. Ahantu rero Guverinoma iriho ubu ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata ikura ububasha bwo kwivanga muri ibyo bintu byo kureba amalisiti y'abadepite njyewe simpabona. Nta ngingo n'imwe y'amasezerano y'Arusha ivuga ko Guverinoma iriho ari yo izareba iby'amalisti y'abadepite. Aho hantu Madamu Agata yari akwiye (inaudible).

Icya kabiri: ahantu mu masezerano havugwa Urukiko rushinzwe ubusugire bw'Itegekonshinga ni aho bavuga ko "iyo Perezida wa Repubulika atabonetse, Perezida w'urwo Rukiko ari we urahiza Inteko ishinga amategeko n'abaministre. Ni aho gusa. Ha… hariya (inaudible) ko Perezida rero iyo ahari arahiza abo badepite, Perezida w'iyo (inaudible). Aho rero bavana ko amashyaka agomba gushyikiriza Guverinoma iriho ubu listi, iyo Guverinoma na yo ikabishyikiriza Perezida w'Urukiko na ho bakwiye kuzaherekana muri aya masezerano. Njye rero mbona ko ari uburyo bugoramye, ari uburyo bw'uburiganya bwo kugira ngo noneho bo bakore listi uko bayishaka. Kuko njye ndabona ari ibintu byerekeye ku ipariti iteje icyo kibazo, Parti PL. Ingingo ivuga ko ishyaka ari ryo rishyiraho abantu. Njyewe mbona ko ari ibintu byoroshye, igihe cyarageze babaza buri shyaka bati "nimuduhe liste y'abantu", ishyaka rifite urivugira, ishyaka rifite inzego ziriyobora, abashinzwe inzego ziyobora amashyaka bo… twese duha listi ubishinzwe. Bigeze ku ishyaka PL bamwe bati "oya", bati "ahubwo hari indi listi yaturutse mu barwanashyaka hanze, na bo ngo bafite uburenganzira ngo bwo ku…tanga (sic) igitekerezo cyabo". Ubwo se ari iliste yatanzwe n'ubuyobozi bw'ishyaka, ari na listi yatanzwe ngo n'abarwanashyaka ku ruhande, ikwiye kwemerwa ni iyihe umuntu wese ashyize mu gaciro? Ibyo ni ibintu bigomba kumvikana.

Aho rero murumva mwese ko umuntu atabitinzeho ari uburyo bujijisha, ari uburyo bwo gushakisha kugira ngo bagere kuri cya cyifuzo cyo gufata ubutegetsi bitanyuze mu nzira za demukarasi, bagere ku butegetsi bw'Inzibacyuho buheza abo badashaka, bakoresheje ibintu by'amayeri n'uburiganya. Kuko nta kuntu byumvikana, kuvuga ngo hashize amezi

atatu, ane, ngo mu ishyaka habaye igitekerezo cy'uko ryatuma abantu aba n'aba bo kurihagararira, ngo none ubu igihe kigeze cyo kubaza ishyaka bati tubwire abaguhagararira, ngo ubwo rivuze abandi bashya ngo ni icyaha gikomeye ngo bishe demukarasi. Kandi babandi wavugaga ubavana mu bantu batemewe badahagarariye ishyaka, badafite ... b'abarwanashyaka batazwi. Jye naribajije nti ni uko ahari ayo agira abantu bake, ari ishyaka nk'iryacu jye mpamya ko dufite Abanyarwanda benshi, buri Munyarwanda cyangwa buri Banyarwanda bishyize hamwe bane nka KAYIRANGA na REBERO n'abandi na KADAGE n'undi umwe, bagiye buri Munyarwanda cyangwa buri Banyarwanda bane bari mu ishyaka ryacu batanze ilisti, ahari twagira abadepite bageze kuri miliyoni. Kuko ibyo bintu bitanyuze mu (inaudible) zumvikana nta ko byamvikana.

Ubwo rero jyewe nkeka ko ziriya procédures zo kunyura muri Guverinoma isanzwe, no kunyura mu rukiko ee rwubahiriza ubusugire bw'Itegekonshinga, birumvikana ko ari ukugoreka ibintu, birumvikana ko ari ukunyura ku ruhande, kuko ibyo bintu iyo usomye aya masezerano nta ho biri.

Ikindi rero gitangaje, Perezida w'urwo rukiko arumaze ahari mo imyaka makumyabiri. Azi iyo urukiko barushyikirije ikintu barubaza icyo rutekereza azi uko bikorwa. Ntabwo Perezida yandika ibaruwa bandika muri administration ngo "ndagusubije" ngo "jye nemeje ibi". Urukiko ruraterana rugatanga iki...tekerezo (sic), urukiko ni abantu batandatu ntabwo ari umuntu umwe! Ibyo rero KAVARUGANDA yandikira Ministri w'Intebe, ngo "nkurikije ibaruwa banyoherereje", ngo "ngusubije ko ilisti y'abadepite ari iyi", n'iyo byaba ari byo, procédure yo igomba kuba iba yo, ibyo byo byaba atari byo. Kuko urukiko si perezida warwo, urukiko ni abacamanza batandatu. Ibyo na byo ni amategeko yoroshye Umunyarwanda wese azi kandi yanditse.

Ikindi rero, andi mategeko dufite yanditse na yo yoroshye akurikizwa muri iki gihugu, hari itegeko rigenga amashyaka, rirahari riranditse. Iryo tegeko rero harimo ingingo isobanura neza ko ibibazo byose by'amashyaka bikemurwa n'Urukiko rwa mbere rw'iremezo, ntabwo bijya mu... Rukiko rusesa imanza cyangwa mu Rukiko rushinzwe ubusugire bw'Itegekonshinga. Ubusugire bw'Itegekonshinga ni ibintu bireba inzego

z'ubutegetsi, ntabwo ari ibintu bireba amashyaka. Aho umuntu yakwibutsa ko ishyaka ari ishyirahamwe nk'ayandi yose. Ntabwo rero warigereranya n'inzego za Leta n'inzego z'ubutegetsi.

Ubwo rero ntarondogoye, ndagira gusa ngo mbabwire ko Abanyarwanda bagomba kumva icyo ariya mashyaka, nako ni ishyaka rimwe ni PSD yifatanyije na PL na... FPR icyo bigamije n'abantu bake bo muri MDR na Perezida wa PDC kuko ishyaka rye ryavuze ko "ibyo arimo we", (rires des auditeurs) bitareba ishyaka, ndetse n'ikimenyimenyi abadepite bayo kuri bane ejo hari batatu, ndahamya ko n'undi ari uko atari yabonye umwanya ahari (inaudible), ubwo rero abo bantu icyo bagamije kigomba gufutuka ni ukugira ngo bafatanye na FPR bagere kuri bwa butegetsi bitabavunnye, batagombye kubwaka abaturage. Ni cyo cyonyine basha... bari kugeraho ubu, ni cyo bashakisha, ibindi byose bagenda banyuza hirya hino babonye rero ingingo yoroshye ngo "ni HABYARIMANA wabyishe", ubu bakwije k'uko HABYARIMANA yahagaritse ibintu byose, kandi we aravuga ati "jye ndi hano, mfite umwanya, nimuze murahire". Bati "oya", bati "ahubwo ni wowe udashaka kuturuhiza kuki utarahiza abo dushaka".

Ubwo rero murumva ko ari ukurimanganya, murumva ko Abanyarwanda bakwiye kubimenya, n'ayo mayeri yo gushaka kunyura ku ruhande babijyana ku... mu nzira zitari zo bikazumvikana ko ari ubutegetsi bw'igitugu babufate ku ngufu niba bazabishobora, ariko jye nahamya ko abarwanashyaka bacu dufite ingufu zihagije kuko tugomba kubibuza, ubwo butegetsi ntibujyeho bitanyuze mu nzira, kandi buramutse bunagiyeho nk'uko Perezida yabivuze ntibushobore gukora. Kuko namwe nimurebe ukuntu ibyo bintu byo gushaka ubutegetsi ku ngufu bihuma amason ni ko navuga!

Umuntu w'umutegetsi aragiye muri Radiyo ati "jyewe sinagiye muri iriya mihango kuko nabonaga Guverinoma yanjye nyobora ibyo yategetse Perezida ee atashoboye kubyubahiriza". (rires et chuchotements) Icya mbere iyo Guverinoma yanjye nyobora, mwese mwarakurikiye cyane cyane abanyamakuru, nta nama ya Leta yigeze iterana kuri iyi (inaudible). Aho rero umuntu umwe n'iyo yaba ari Ministri w'Intebe akwiye kumva ko atandukanye na Guverinoma. We na... niyivugire, keretse niba rero Guverinoma ye

ayobora ari bariya basinyanaga biriya bipapuro: TWAGIRAMUNGU na NZAMURAMBAHO na NAYINZIRA, keretse niba ari cyo yita Guverinoma kuko muri iyi dosiye ni bo bakorana, nta yindi Guverinoma bakorana.

Aragira rero ati "ikindi cyatumye jye ntabizamo" ati "ni uko hari abadepite bake cyane". Mwese mwakora imibare! Hari abadepite ba MRND, aba PL, bamwe ba MDR, bamwe ba PDC n'ab'ariya mashyaka bose, bose, bose ndumva bari bahari (inaudible). Uteranyije rapidement urasanga bariya badepite ari mirongo itatu n'umunani hafi aho, kandi Inteko yose igizwe n'abadepite mirongo itandatu n'umunani. Ubwo se abadepite barenze icya kabiri, abita bake cyane ate? Ubwo rero ni ukuvuga ko iyo mibare na yo bakwiye kujya bagereranya bakumva ibintu, ku bantu mirongo itandatu n'umunani, ubonye hafi mirongo ine, uti "jye ndabona ari bake cyane"! Ahubwo abasigaye batageze no ku cyakabiri ngo ni bo benshi! (rires des auditeurs) Ngibyo ibyo mvuga ko ibintu byo gushaka kufata (sic) ubutegetsi vuba vuba, huti huti bigomba (inaudible) bikibagiza no guteranya! (rires des auditeurs)

Ubwo rero, Nyakubahwa Perezida wenda narondogoye, ariko nagira ngo ntange ikintu kirushaho (inaudible). Reka twumve umunyamabanga mukuru.

**Orateur: Le Secrétaire général du MRND**

(il se racle la gorge)

Urakoze Perezida w'ishyaka ryacu, mu by'ukuri nyuma y'ibisobanuro mwatanze n'ibyo Visi-Perezida amaze kuvuga, ndumva... ndanga gusuka amagambo kuko iby'ingenzi mwabivuze.

Gusa hano hari abanyamakuru nyine, icyifuzo cya mbere nagira ngo mbagezeho ni uko mu by'ukuri bagerageza kwegera ariya mashyaka na FPR bakatu... bakatubariza, bakabaza impamvu nyazo bakurikije bataza kurahira. Atari n'ibisobanuro byavuye muri communiqué de presse yabo ejo, ari n'ibyavuzwe na Madamu Ministre w'Intebe, njye byose nabyumvise, nabikurikiye, ariko nasanze nta kizima na kimwe kirimo.

Mu by'ukuri FPR iri hariya, yanze kandi no kuza muri Guverinoma no mu Nteko ishinga amategeko. Abadepite bayo nta kibazo bafite. PSD iri hano mu gihugu nta kibazo ifite. PDC na yo ni uko. Abo bantu iyo basobanura ko bataje kurahira ejo, ibisobanuro batanga mwe mwabyumvise koko?

Bati "ikibazo ni Perezida wa Repubulika". Perezida wa Repubulika yatanze programme kandi gahunda y'uko azarahiza ahereye kuri we, hagakurikizaho abadepite. Gahunda ye ni yo yashatse gukurikiza. Abandi bati "bagufashe mu ijo... bagufashe mu ijosi uranga, niba udakurikiye ibyacu ntitwemeye".

Jye ndabona Perezida wa Repubulika yarakoze akazi ke kandi akaba yaranze n'agasuzuguro ka bariya bantu. Kuri icyo kibazo rero, nkaba mbona hariya ari ugushaka urwitwazo rwo kugira ngo ariya masezerano bayaburizemo, ziriya nzego z'Inzibacyuho bazibuze kujyaho, kubera ko babona ko umugambi wabo utaragerwaho. Ariko se twebwe uko mutubona turemera gutegekwa n'incike? Abo nakwita les dissidents? (inaudible) TWAGIRAMUNGU ishyaka ryaramuciye. NAYINZIRA ishyaka rye ryatangiye kumwamagana. Landouard, uwo nta na hamwe we abarizwa, (rires des auditeurs) yareguye mu i... komite ya mbere, komite iriho ubu ya ka... iriho ya kabiri nta ho ari. (inaudible) ashaka ko tubibwirwa n'abantu bameze bate? Ibyo bintu ndibaza, barashaka kudutegekesha abantu les dissidents! Abo nita incike mu kinyarwanda uko mbivuze sinzi niba ari byo ariko ni ko mbibona!

Njye rero nkaba mbona ku giti cyanjye yuko bariya bantu nitutabitondera, bariya bantu bashaka kutugeza kure, barashaka kutugeza kure. FPR abadepite bayo muzi igihe babashyiriyeho? Muzi uburyo babashyizeho? FPR ijya kwivanga mu ishyirwaho ry'abadepite ba PL ite? Abayi... aa (arakoroye), hari uzi none uko bagiyeho? Ko bazanye ilisti, iyo listi ikemerwa uko yatanzwe! Biriya bintu ndakeka ko Abanyarwanda bagomba kubijijukirwa, bagatangira bagahumuka bakareba neza icyo bariya bantu bagamije kandi ndumva Visi-perezida wa kabiri yabisobanuye, ikibazo kiragaragara, imibare yabo barabona itangiye kubapfana, hanyuma babona yuko na rubanda nyamwinshi mbese abenshi batangiye kujijuka kubera ko baraba bapfukiranye Arusha. Ndakeka ko ibyo

bashaka kudukorera ubu, nk'uko bafashe barya bagabo babiri NAYINZIRA na NSENGIYAREMYE bakababapfukirana, bakaba batifuza ko abantu batangira guhumuka ngo bamenye imigambi ya bariya bantu n'abo bafatanije.

Jyewe rero nkaba mbona biriya bintu, kuriya kwivanga mu yandi mashyaka njye mbona ko biriya bintu ari uburyo rwose burimo amarimanganyamunsi, burimo ubutiriganya bwo gushaka kudindiza ishyirwaho ry'Inzego z'Inzibacyuho Yaguye.

Ku kibazo cya KAVARUGANDA, hari uwabajije ati "ashobora kurahiza"? Ndakeka ko ubushize na byo barakitubajije (sic), nababwiye ko KAVARUGANDA aramutse akoze ibintu nk'ibyo (inaudible) ni kimwe no gukora coup d'Etat! Coup d'Etat ni ukuvanaho ubutegetsi buriho ukoresheje ingufu cyangwa se ugakora ku buryo nyine ubwo butegetsi ubuhirika ukoresheje uburiganya. Ndakeka ko ubushize twabasobanuriye yuko umuntu ugiye gukora coup d'Etat se iyo afashwe, iyo amenyekanye bigenda bite? Ndakeka ko ubushize nabisobanuriye abanyamakuru, uwo muntu agomba gufatirwa ibyemezo!

Nkaba mbona njyewe kuri KAVARUGANDA hariya hantu ubundi mu mategeko agenga abacamanza, bavuga ko abanye... abacamanza ubu ngubu nta ho bagomba kubogamira muri politiki. Mwatubwira impamvu KAVARUGANDA ejo yanze kuza mu Nteko kugira ngo akurikirane uriya muhango?

Niba rero Madamu UWILINGIYIMANA Agata yaramwandikiye akamubuza kujya muri iyo mihango KAVARUGANDA akabyemera, ni ukuvuga ko ubwo mu rwego rwa politiki KAVARUGANDA abogamye. Niba abogamye rero muri politike ni ukuvuga ko atakiri umucamanza. Jye nkaba mbona iyaba twari dufite abantu bagifite gutegeka ahari buhamye (sic) mu iki gihugu, jye mbona KAVARUGANDA yagombaga guhagarikwa muri uyu mwanya.

(inaudible) twagombaga (inaudible). Akazi ke kagomba kuba aka politike, katagomba kujya... ako kujya guca imanza.

Icya nyuma nagira ngo ndangirizeho rero, mwebwe abanyamakuru, ni ukugira ngo mugerageze kujya mugira uriya Mudamu Premier ministre inama ye gukomeza kugenda... asebya abategarugori bose kuko turakeka ko nibikomeza kuriya, abategarugori tutazongera kubemerera kujya myanya y'ubutegetsi nk'uriya, (rires des auditeurs) kuko turabona agenda abashujuguza (sic). Arabasuzuguza kuko aravuga iki kintu mu gi... mu gitondo, nimugoroba akavuga ikindi, ejo akaba yahinduye ibitekerezo bye mu cyumweru nta na hamwe bishobora guhurira. Icyo kintu rero umuntu aravuga ati "nijoro hafi saa sita y'ijoro" ati "nahoranye na Perezida" ati "ariko ibyo ngibyo abatwumva ubu, ati "niba twumvikanye neza simbizi". Yarangiza ni... ati "nimutegereza itangazo riraje", ati "cyakora ubu gahunda izagenda gutya".

Ibyo bintu na byo rero, mwumvise ibiso... ibisobanuro yatanze mu iki gitondo, mwabikurikiye, mumenye ko uriya Mudamu mwari mukwiye kumufasha agacyura igihe cye neza, kuko naho ubundi ndakeka ko ya... bazamushyira muri histoire y'iki gihugu bika... bikazatuma... abategarugori bacu bose dukeka ko uriya ari we ubaha urugero, ni we rero twafataho urugero tukabona yuko abategarugori imyanya yazaza mu gihe kizaza izatuma abategarugori tutabizera cyane, kuko turabona bibasuzugaza cyane, tukaba tubasaba yuko inama ya Guverinoma yateranye nk'uko Perezida... Visi-Perezida amaze kubivuga, Inama ya Guverinoma yategetse, iyo Guverinoma nta yo yahuye na yo, kandi mu mategeko bivuga ko Ministre w'Intebe nta kintu avuga akivuze mu izina rya Guverinoma atabanje kugisha inama iyo Guverinoma. Ibyo biratwereka ko mbere yo kuba Ministre w'Intebe icyo kintu yagombaga kuba akizi. Niba atarakimenya rero, ntagerageze kongera kubisobiramo uriya mutegarugori yari akwiye kubanza ibyo bintu nibura, niba atagishije inama Guverinoma afite icyo bita cabinet restreint, akajya ayiteranya, akabona (inaudible) kuvuga ijambo mu mwanya wa Guverinoma. Ni utwo tuntu uko ari dutatu nagira ngo nongereho, ariko namwe mukadufasha gu...sobanuza kuri bariya bantu b'ariya mashyaka, kuko tubona impamvu batanga uwazisesengura neza tubona zidasobanutse na busa. Murakoze.

K0223910

**Orateur : NGIRUMPATSE Mathieu**

Euh (il se racle la gorge), mbere y'uko... mbere y'uko twakira ikindi kibazo hari ikintu nagira ngo mbibutse: iyo bavuga ngo... (il se racle la gorge) barashaka kujya hamwe muri MRND isigare yonyine irimbuke, ntimukabyemere, ni ukujijuka. Mwibuke ko ari muri manifeste y'Inkotanyi, abasoma amadiskuru yabo, ari no mu madiskuru ya Parti Libéral igitangira bavuze ko "Revolisiyo ntayabayeho" ko "ari abantu bihishe bakica abandi nta mpamvu". Icyo ahari MRND yaba izira ni uko ari yo kuva... intambara yanatangira yakomeje kuvuga ko "Revolisiyo yabayeho kandi ko abantu bagomba kuyirwanaho kugira ngo ibyiza byayo bigumeho". Baramutse rero bayiranduye n'abandi bafatanije, ngira ngo ibyo byiza bya mirongo itanu n'icyenda byahita bijyana na yo. Abanyarwanda benshi rero ntibabikozwe! Kandi birababaje ko kubera inyungu z'abantu bamwe bwite no gushaka gusumba abandi no gutegeka biyibagiza icyo kintu.

Ntimukemere rero ko ngo "ari ugukuraho MRND kuko byonyine ntabwo byaba bihagije kugira ngo ukore ibyo, kuko niba ari ishyaka ryemewe n'amategeko rigomba kubaho, ariko ikibazo ni icyo ngicyo, ni uko ibyiza bya Revolisiyo ayo mashyaka yombi, ni na ho hasigaye ikibazo (aseka) cyane cyane muri Parti Libéral, ni uko bavugaga ko "iyo Revolisiyo nta yo" ko "batayemera", ndetse Inkotanyi zo zikavuga ko "itabayeho" ko "ari abantu bagize batya (inaudible) ngo "bafatanyije n'abazungu bica abandi bantu, by'urugomo gusa nta mpamvu"!

Ubwo rero murumva ko... ntabwo ari ibintu byakwemerwa, ntabwo ari twe twakoze revolisiyo turwanya ubwami twenyine, ariko nta handi ndumva batinyuka kuvuga ko ibyo bintu byari ukwica abantu gusa ko ari nta cyo byari bigamije. Ni icyo rero nagira ngo mbibutse, ko Abanyarwanda bagomba kumenya icyo kibazo.
Wowe se ko wabajije kandi hakaba hakiri abandi, hein?

**Orateur: Non identifié**

Hum.

K0223911

**Orateur: NGIRUMPATSE Mathieu**

Ee buretse tubanze abandi turakugarukaho. Urumva c'est une question d'écouter. Oui.

**Orateur: Non identifié**

(inaudible) mwebwe muri MRND muzambara ryari kugira ngo muberwe mujye kwamagana umuntu TWAGIRAMUNGU wari ugiye gukora coup d'Etat afatanyije n'Umugande GATABAZI, musaza w'Agata nduzi ko NAYINZIRA yarwaye muraramo? (des rires des auditeurs) (inaudible) ishyaka CDR (inaudible) (silence).

**Orateur: NGIRUMPATSE Mathieu**

Uretse ko… uko utubajije ahari hari ibyo tutaza gusubiza, ibyo by'u Bugande ntabwo… (des rires des auditeurs) ntabwo… (inaudible) ko icyo ari ikibazo cyacu, kuko nibuka ko nanjye bigikaze banditse ko ndi Umugande (des rires des auditeurs) uretse ko njye nababwiye ko n'ubwo ikinyarwanda nzi, kandi abenshi mbarusha, niba Umugande ashobora kugifata Abanyarwanda baza… bazimuke bajye ahandi (rires des auditeurs).

Ibyo kuvuga rero kwamagana… ntabwo twamagana umuntu ku giti cye, twamagana ibibi akora muri we. Ntabwo rero twa…jya mu byo guharabika gusa nk'abandi nk'uko ejo babikoze, niba umuntu nta cyo yakoze kibi muri politiki ntabwo bitureba, kuturwanya si cyo kibazo, kuturwanya mu mafuti, no mu ma coup d'Etat, no mu busambo, no mu nda nini, no kwikanyiza bidasanzwe. Ariko rero kuvuga ko tutabyamagana ndumva… kuva kuri conférence de presse y'ubushize, ibyo bintu by'amafuti byose turabyamagana. N'uyu munsi ni byo twakoze! No mu itanzazo ni byo twakoze! Ee kuvuga ko tuzambara ryari rero hari bizaza, ukeka ko dufite inkota tuzambara mu bitugu, ibyo rero twe dukoresha ibitekerezo ntabwo tuzakoresha (inaudible).

Ikibazo cya CDR rero, icya mbere nagira ngo nkubwire ko ntabwo twi… CDR tuyitegeka, ntabwo CDR ari umwana wa MRND. Kuyiburanira rero, tuburanira ukuri yaba ifite (inaudible), ariko mufate mu mutwe ko tutabereyeho, ntabwo turi ba avocats b'amashyaka. Ariko ku byerekeye CDR, nishaka gusinya code d'éthique ngo ifate umwanya wayo muri Assemblée, izo mpapuro bakazihisha bisanzwe, ntabwo tubyemera.

Twe rero n'ubushize ndumva... nari muri conférence de presse, mu kiganiro cy'abanyamakuru, ariko Umunyamabanga mukuru yarabivuze bihagije. Ndumva rero ku bibazo byombi mu by'ukuri (inaudible) kuko ibyo bintu twabikoze bihagije. Icyo utashobora kudusaba ni uko, CDR ni ishyaka ryigenga, ifite abantu b'abagabo, ntabwo dushobora kuyishyira mu kwaha ngo bikunde, ntibyadukundira kandi natwe ntitubishaka. Cyakora ukuri ifite ko turakuburana nk'uko twaburanira n'irindi shyaka. Kabone na FPR bavuga ko (interruption)

**FIN DE LA FACE A**

**FACE B**

**Orateur: Mathieu NGIRUMPATSE**

... kandi umenye yuko tuzakora uko dushoboye kugira ngo izo mpapuro CDR izisinye ifate umwanya wayo. Igituma bazihisha rero ni ya mipango y'imibare ngo CDR itazaza ikongera abantu banze ku... banze gufa... (interruption), (petit moment de silence).

**Orateur: Kantano HABIMANA**

Hee, nibamubona rero ntibazagire ubwoba, nguko uko ateye, igihangange yaa muri politiki, (fond musical) mu mishyikirano ya Arusha ni we ... ni we wagiye ayihengeka uko imeze uku, ninanirana... ni we uzabibazwa, afite ukuntu atekereza uru Rwanda rero kurukora, hee afite uko atekereza kurukora, ee (inaudible) igana epfo azayijyana ruguru, (inaudible), ni ukudatekereza... ee ku gihugu, afite uko abitekereza mu mutwe we, tuzaba tumureba, hum, tumuteze amaso. "Agakambye ugatega u Rwanda ni ko abantu bavuze".

Maze rero, abari muri za Ministeri zizategekwa n'Inkotanyi, ubwo muzabana neza cyangwa se, ariko uwakwibeshya ni uwavuga ngo ntabwo zizakoramo, hari n'ubwo... abavuga ngo ntabwo zizakora mu bakozi cyane cyane abo hasi (inaudible) ntibizaborohera (inaudible) iki bose, bose baragenda mu Nkotanyi bati "nyabuneka nimusigeho kuko... imvune twagize". Hein, ubwo rero nyine murumva aho biba biganisha, ntabwo ari imirimo babashakira ahandi handi ni muri Ministeri, ubwo ariko twe tubihanga amaso, byaba ngombwa abantu bagahangana mu mategeko, kwirukana umuntu umuziza ishyaka rye cyangwa umuziza amazuru ye, ibyo na byo... byaba ari akaga.

Hanyuma, dukomeze rero twumve Radiyo RTLM, abugamye mwese ku mbaraza, abugamye he. Perezidanse ya Repubulika yandikiye Madamu UWILINGIYIMANA Agata ibaruwa ikaze, ibaruwa ikaze idusobanurira (inaudible) ngo ni Madamu nde noneho ko... Premier Ministre ejo yahise abureka kuva atari... Ministre w'Intebe w'Inzibacyuho. Aha! Nta kindi nyine yahise, yahise atembagara kuko Inzibacyuho ejo

yaratangiye Perezida wa Repubulika amaze kurahira. Ubwo rero nta Ministre w'Intebe wundi tuzi uretse TWAGIRAMUNGU Fawustini alias Rukokoma, alias Igihangange. Hum! Twashya... twashyiraho alias Kananiramashyaka.

Ubu rero abantu batangiye kwandika bavuga bati "TWAGIRAMUNGU ahubwo yegure niba ari umugabo yegame", ariko rero... igihangange burya, ariko hari ikintu ... mu kanya hari icyo dutekereza kuri TWAGIRAMUNGU Fawustini. (inaudible)

**Orateur: Valérie BEMELIKI**

... ariya mashyaka matoya. Ni ariya mashyaka mato ukabona agenda mu kwaha kwa FPR. Rero muri (inaudible) n'ishavu tuti "twebwe igihe icyo ari cyo cyose twiteguye ko twajya muri iriya Guverinoma, ko abadepite bacu barahira rwose nta kibazo twe dufite". Nawe ariko wareba ugasanga koko ni byo, MRND nta kibazo ifite yatanze abakandida bayo, baremeye nta n'umwe wanze, abaministre bayo na bo ni uko nta n'umwe wanze. FPR na yo ni uko yatanze abakandida bayo b'abadepite nta n'umwe wanze n'abaministre na bo bose na bo ntabwo bigeze banga. Ubwo rero umuntu akibaza ahubwo igihe ariya mashyaka nka PL usanga harimo ibice bibiri, muri MDR na ho usanga arimo ibice bibiri, igice kimwe kikanga kwitabira kugira ngo abadepite bacyo bajye kurahira, ugasanga bya... banga, noneho na FPR na yo igakurikiza ya mashyaka mato. Aho ngaho ni ho usanga hari ikibazo. Nyamara n'ikindi bavuze cyo kugaragaza ko abantu bash... bashaka kubeshya bavuga bati "ni Umukuru w'igihugu udashaka ko iyo Guverinoma ijyaho, udashaka ko abo badepite barahira". Nyamara iyo urebye ugasanga ari "amatikirangonyi" babura neza rwose ikintu bashingiraho kigaragaza koko ko iyo Guverinoma itagomba kujyaho cyangwa se abo bada... abo badepite batagomba kurahira.

None se Perezida wa Repubulika ni we wazanye ayo macakubiri muri PL? Ni we wazanye se ayo macakubiri muri MDR? None se kuki noneho FPR yishingikiriza ayo mashyaka ikanga na yo gutanga abadepite bayo ngo barahire? MDR yo ira... MRND yo iravuga iti "ntabwo nshobora ku kintu ntifuza gukorera undi, cyangwa se nahoze ndwanya mu masezerano y'Arusha ngo jyewe ntinyuke ngikorere undi. Ntabwo nshobora ku... kuzarahira, kujya muri iyo Guverinoma, abadepite bacu barahire igihe FPR yo izaba

itarimo. Kuko icyo ni cyo kintu twarwanyije tuvuga tuti kuki abandi bo badashaka ko bajyamo? Kuki ibi bintu twebwe babidukorera? Natwe ibi bintu ntabwo dushaka kubikorera abandi, turifuza ko FPR yakwinjiramo igatanga abadepite bayo kuko nta kibazo ifite na gitoya cyo kwanga gutanga abadepite ngo barahire, nta n'ubwo abaministre bayo ari bo bafite ikibazo cy'uko iyo Guverinoma itajyaho". Ngibyo muri make uu ubutumwa bwa MRND yatugejejeho, ni ukugira ngo abadepite bashobore kurahira no kugira ngo Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye na yo ishobore kujyaho.

**Orateur: Gaspard GAHIGI**

Urakoze... BEMELIKI Valeriya ubwo mu mwanya turaza kubashyiriraho ee itangazo rigenewe abanyamakuru ryasinywe n'Umunyamabanga mukuru wa MRND, Yozefu NZIRORERA.

Je disais tout-à-l'heure que ce soir à la RTLM nous avons déjà une action, une voix féminine de Valérie BEMELIKI, mais aussi une voix (inaudible) une voix d'un journaliste européen de nationalité belge (inaudible). (musique)

**Orateur: Non identifié**

... Perezida wa Repubulika (inaudible) kurahira kwi... kw'Inteko ishi...Inzibacyuho ejo tariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, ishyaka MRND ryiyemeje gutangariza Abanyarwanda ibi bikurikira:

Icya mbere: MRND irashimira byimazeyo Perezida wa Repubulika igikorwa cy'ingirakamaro yakoze ejo ku itariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane cyo kurahira. Icyo gikorwa cyongeye kwereka Abanyarwanda ko Perezida wa Repubulika yiyemeje guharanira no gushyigikira demukarasi n'inzira y'amahoro igihugu cyacu cyiyemeje kugenderaho.

Icya kabiri: MRND iragaya cyane ishyaka PSD n'Umutwe wa FPR-Inkotanyi kubona yaradindije imihanga y'irahira ry'abadepite nk'uko byari biteganije. MRND iragaya kandi by'umwihariko imyifatire ya Bwana KAVARUGANDA Yozefu, Perezida

w'Urukiko rurinda Itegekonshinga na Ministre w'Intebe, Madamu UWILINGIYIMANA Agata, kuko itagamije na busa kurengera inyungu z'igihugu n'Abanayarwanda bose.

Icya gatatu: MRND iremeza neza ko ari KAVARUGANDA Yozefu cyangwa Madamu UWILINGIYIMANA Agata, ko nta tegeko na rimwe bashingiraho kugira ngo bakomeze amarorerwa n'amananiza barimo yo kubuza inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho kujyaho, bikaba ari na yo mpamvu ituma ahura... bahora bivuguruza buri kanya.

Icya kane: MRND irasanga imyifatire nk'iriya nta kindi igamije uretse gusubiza inyuma amasezerano y'amahoro no gutiza Inkotanyi umurindi wo gukomeza kumarira abaturage ku icumu no kubakura mu byabo.

MRND irasanga abo bantu bombi bagomba gusezererwa ku kazi kandi bagomba kuzabazwa ingaruka zose zizaturuka ku myifatire nk'iriya igayitse.

Icya gatanu: MRND irasanga amacenga ya Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini, Ministri w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye ashyigikiwemo, ashyigikiwemo n'Umutwe wa FPR-Inkotanyi, ayo mananiza atazatuma amasezerano y'amahoro akurikizwa mu nzego zose zayo, mu nzego zose zayo.

MRND irasanga rero uriya muntu atazashobora gushyiraho Guverinoma, akaba ari na yo mpamvu bifuza ko yahagarikwa hakiri kare ibintu "bitaragera iwa Ndabaga".

Icya gatandatu: Muri iki gihe igihugu cyacu cyugarijwe n'ibibazo bikomeye by'inzara n'ubugome bukabije, hakaba hari abantu benshi ibihumbi n'ibihumbi bavanywe mu byabo n'Inkotanyi bategereje kubisubiramo, MRND irasanga igikorwa nka kiriya cyo kwanga kurahira kw'ishyaka PSD na FPR n'abo bafatanyije gifite ingaruka mbi ku mibereho myiza y'abaturarwanda bose, kandi kibangamiye amahoro.
MRND iremeza ko buri gihe imyifatire y'Inkotanyi irangwa n'amananiza n'iterabwoba, ibikorwa buri gihe n'Abanyarwanda bo mu gihugu hagati n'amashyaka bazishyigikiye

mu migambi yazo yo gufata ubutegetsi ku ngufu zimaze kurimbura abantu bose no kubakura mu byabo.

Icya karindwi : MRND irasaba kandi ibihugu by'inshuti n'amahanga byadufashije kugera ku masezerano y'Arusha gukora uko bashoboye ngo bumvishe bariya bantu (inaudible) amashyaka adashaka amahoro ko ibyo bavuze byo kuyoboka inzira ya demokarasi no guharanira nyakuri amahoro kuko ari yo Abanyarwanda bakeneye.

Icya munani : MRND iremeza neza ko icyo Abanyarwanda bakeneye mbere na... ari a...(inaudible) badakeneye amagambo y'amarangamutima ya buri gihe kuri Radiyo ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata, akenshi atamuturukamo (inaudilble) bigatuma ahora mu magambo yo kwivuguruza.

Bikorewe i Kigali ku wa gatandatu Mutarama, igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane. (Instrumental).

**Orateur: Mathieu NGIRUMPATSE**

(Inaudible) (sous le fond musical) itangazo rero mwaryumvise, ndumva... nta cyo narivugaho, ni rigufi, ee rirumvikana, ariko nanone nta tangazo umuntu asobanuza, ni cyo gituma rero twiteguye kumva ibibazo byanyu, kugira ngo... ari ibyanditse mu itangazo, ari ibitanditsemo, dushobore kubabwira icyo ishyaka ritekereza kuri ibyo bibazo (inaudible) (musique).

**Orateur : Non identifié**

(Il se racle la gorge)

(inaudible) ikibazo cyanjye (inaudible) ko bigaragara yuko (inaudible) igendera ku mbunda (inaudible) n'abaturage (inaudible) bakaba bafite imbunda, n'abasirikare babo bose bakaba bafite imbunda, (inaudible) n'ibihe byashize, niba baragombaga (inaudible) none ubu ngubu tukabona agasuzuguro ko FPR igikoresha igakoresha gashingiye ku... ku mbunda , kuko Abanyarwanda koko twishwe urw'agashinyaguro, kuki rero natwe

imbunda tutazihabwa ku mugaragaro? Kuko (inaudible). Kuki twebwe tugomba kuguma tudafite imbunda, ariko bo bose bakaba bafite imbunda?

**Orateur : Mathieu NGIRUMPATSE**

Igihe hagitegurwa ikindi umuntu yagusubiza icyo, bavuga ko (raclement de la gorge) abantu ba FPR bose bafite imbunda. Ariko uragira uti "MRND, ibyo bintu irabizi kandi ni yo ifite responsabilité, kuki idaha Abanyarwanda imbunda? Ubanza muri icyo kibazo harimo akamenyero nk'aho ari (inaudible), niba wibuka neza twigeze gusaba ko abaturage bahabwa imbunda cyane cyane abari mu karere kaberamo imirwano. Uwabyanze si MRND. Yemwe ntidukunda gusesereza abantu tuvuga amazina, ariko abategetsi bariho icyo gihe barabyanze. Iyo uvuga rero guha... abaturage... imbunda, ntabwo wabibaza MRND, kuko MRND ntabwo iyobora Guverinoma. Dufite Ministri w'ingabo, ariko Ministri w'ingabo n'ubwo ari uwa MRND ari muri Guverinoma. Ndakeka rero ko icyo kibazo cyari gikwiriye kubazwa Ministri w'Intebe ni we wagisubiza neza kuko twebwe uwamubanjirije yarabyanze (inaudible) ntiyabyumva, ndetse bahagarika n'intambara nta mpamvu, aho kugira ngo... bagisubize bajya i Bujumbura, bemeza ko ziguma aho ziri, uretse ko twakomeje gutera rwaserera zigasubirayo ba... bakavuga ko zasubiye mu birindiro zahozemo mbere, ariko... ikibazo cy'uko abaturage bagomba kwirwanaho, kubona ikibarengera turacyemera. Iyaba ari twe dufite Ministri w'Intebe biba byararangiye.

Maze rero mbona bikwiye kubazwa ababishinzwe, kuko uri umunyamakuru cyane cyane ndumva (inaudible) ibinyamakuru bya Leta, waba utugiriye neza utubarije Ministri w'Intebe icyo kibazo. Ishyaka ntirigira ingabo, twebwe bakomeje kudutera urubwa ngo "dufite ingabo" ariko byaragaragaye ko nta zo, kuko abantu bacu babamaze, Interahamwe bavuga ko "ari ingabo" zikaba zita(inaudible). RWAMBUKA yarapfuye, n'abandi barapfuye muri zone tampon, icyo gitekerezo rero cy'uko abaturage bagomba kugira uburyo bwo kwirwanaho twebwe turacyemera. Iyaba ari twe dufite Ministri w'Intebe, icyo kibazo kiba cyararangiye, tuba twaragi(inaudible).

Nkabona rero byaba byiza, cyakora nanone kukibaza ni byiza kuko ubwo ubu bari bucyumve, ko Guverinoma cyane cyane uhereye kuri Ministri w'Intebe baziga icyo kibazo kugira ngo Abanyarwanda batazapfa bazize imbunda kandi no mu Rwanda zihari. Bakazira gusa ko abantu badashaka kuzitanga kubera gukekana ngo nibaha Umunyarwanda imbunda ngo ntaza... ngo ntazayikoresha neza ngo... iki aho ibintu bigeze ubu, reka ... ahubwo abantu banga kuzitanga kugira ngo Inkotanyi zibamare! Ni (inaudible). Kuko guhunga kuvuga ukuri buri gihe ntabwo ari byo. Uko ibintu bimeze ni ko bikwiye kumera. Ikindi kibazo? (inaudible).

**Orateur: Non identifié**

Nitwa... (inaudible). Ikibazo ngira ngo mbabaze mbaza nk'umuntu wo muri MRND ee ariya mashyaka (inaudible) abaministre n'abadepite babo kurahira nk'uko byagenze ejo, ubu nagira ngo mbabaze (passage inaudible). (inaudible) abaministre n'abadepite imbere ya Perezida w'Urukiko rushinzwe kurengera Itegekonshinga nk'uko muri ino minsi byavugwaga ko oo MRND (inaudible) kandi ingaruka z'ingenzi MRND (inaudible). Murakoze. (Musique)

**Orateur : Mathieu NGIRUMPATSE**

Yee, kuri icyo kibazo ubwo bagenzi banjye na bo baragira... icyo bakivugaho kuko ari ikibazo... (inaudible) kandi kirekire, ababuza abantu babo kurahira ngira ngo bafite impamvu ba... (inaudible), kuko bakora amasezerano y'Arusha ngira ngo bagize ngo umutwe w'umuntu (inaudible). Mu ibarohwa abantu bamwe bo muri PSD n'abandi ntibuka bigeze kwandikira MUGENZI, baramubwiye bati "twamenye ko muri kongre wakoresheje (inaudible) ushaka kujya hamwe n'abo MRND, ibyo bintu rero bikaba bibangamiye amasezerano (inaudible)". Uretse ko byanditse mu gifaransa. Sinkeka rero ko ariya masezerano yakorewe gusenya ishyaka iryo ari ryo ryose, cyane cyane ko icyiciro cya mbere batangiye ari "Etat de droit". Niba abantu rero bavuga ngo... "ariya masezerano yagiriyeho kurimbura MRND", ngo "ko uwavugana na yo yaba yica amasezerano", impamvu zibabuza kurahira noneho zirumvikana. Ejo barazanditse (inaudible) n'uwo azi guhuguza agera... akagera aho agatinya. Ni byo byabaye! Ingaruka rero z'uko... batazarahira, ndakeka ko ari bo bafite inyungu yo... zo kubyihutisha. Premier

ministre... Ministre w'Intebe uzayobora iyo Guverinoma si uwacu, ni uwabo! Nibakomeza kumuheza mu kirere rero ngo baraduhima, (inaudible). Umutwe w'Inkotanyi waraje n'abayobozi b'Inkotanyi baraje, ibyo bintu ni bo bakoze amasezerano basanga ari byo turabyemera, kuko niba barabazanye kwicara aha ngaha batarahiye, ni bo bazabasobanurira!

Ingaruka rero zirimo ni nyinshi. Harimo ingaruka ko tugomba kugira igihugu kigomba kugira ubutegetsi buhamye, hari n'iki... ingaruka ko... Guverinoma igomba gushakira abantu imfanyo, igashakira igihugu amafaranga kugira ngo... ubukungu bw'igihugu bwongere bube bushyashya. Izo ni zo ngaruka zizadindiza igihugu, abavuga rero ko barahirije abantu imbere ya Perezida wa Cour constitutionnelle (inaudible).

Twa... twavuze mu itangazo ryacu ko tu...temera abantu batanga igihugu. Bavuga ko... abantu barahirira imbere ya Perezida w'urwo Rukiko rurinda Itegekonshinga iyo Perezida afite impamvu zimubuza. Ariko ntabwo handitse ko (inaudible) Perezida, uwo mucamanza ashobora kurahiza. Kuko tubona rero yuko abantu bashaka kubuza Prezida kugira ngo uwo mucamanza abikore. N'ikimenyimenyi ejo ntiyaje, ubwo amashyaka yavuze ko ataza, ariko njye iyo mba umucamanza nzi ko amashyaka ataza sinari kuza kuko nta... nta mpungenge (inaudible). Sinari kuza.

Baramutse babikoze rero (inaudible) kuko abandikishije ko ariya masezerano y'Arusha areshya n'Itegekonshinga ry'igihugu. Niba rero baravuze ko "Perezida ari we urahiza abadepite", bakavuga ko "azakomeza kuba Prezida w'igihugu mu Nzibacyuho Yaguye", hanyuma bakajya gu... gufata undi ngo arahirishe (sic) aba... arahize abadepite cyangwa se abaministri, ni ukwica amasezerano. Abo bantu rero tugomba twebwe tugomba kuzabarega mu nkiko zibigenewe kuko bica amasezerano. Yaba ari coup d'Etat wenda batakoresheje imbunda, ariko rero bazaba bayikoze bishe amasezerano. Ingaruka zo kwica rero amasezerano y'amahoro na zo ziranditse muri cya gitabo. Tukaba twizeye rero ko abo bantu batazageza aho ngaho, kandi rero ko ibibazo bafite bagomba ku...gerageza uko babijyamo impaka.

Hari ibarohwa ejobundi bandikiye Perezida wa Repubulika, (inaudible), aho kugira ngo bajye impaka mu mashyaka, ibarohwa yanditswe... nako yashyizweho umukono (inaudible) amashyaka (inaudible), kumenya uwashinze ishyaka (inaudible) bisigaye bikomeye muri iki gihugu. Ndavuga rero amazina y'abanditse. Iyo barohwa yasinywe na TWAGIRAMUNGU Fawustini, isinywa na NZAMURAMBAHO Ferederiko, ishyirwaho umukono na NAYINZIRA Jean-Népomuscène, twumvise ko hariho abamwamagana, isinywa na NDASINGWA Landouard, wiyita Visi-perezida wa mbere w'ishyaka PL. Ubwo we twavuga ko yongeye kuyoboka MUGENZI (inaudible). Niba yarongeye kuyoboka MUGENZI rero, nta kibazo gihari, agomba kwemera icyo MUGENZI yavuze. (rires des auditeurs). None se, ni we wakoresheje kongre ndetse aregura muri iriya komite. Biradutangaza rero kubona agaruka gushyira umukono ku mabarohwa avuga ko "ari Visi-perezida wa mbere wa PL", ni ukuvuga ko yemera ko MUGENZI ari Prezida wa PL! Ikibazo cye rero nta cyo.

Rero muri iyi barohwa icyo nashakaga kugeraho ni uko banditse ko... yanditse no mu gifaransa ahari ni byo biri butworohere (inaudible). Baranditse ngo..." les consultations qu'il a menées, donc c'est le Premier ministre désigné, bon, les consultations qu'il a menées avec le MRND, le PSD, le PDC, le FPR, il ressort qu'aucun problème particulier ne se pose. Nos partis politiques apprennent d'ailleurs sur (inaudible) que le Premier ministre a (inaudible) à consulter les deux tendances du MDR et du PL. Se serait pratiquement avec nos (inaudible) de ces deux partis que les problèmes (inaudible).

Cependant, le président du MDR ne pouvant être à la fois le Premier ministre désigné du Gouvernement de transition à base élargie, il est entendu que le problème du dialogue avec les présidents de ces partis ne peut pas se poser.

(Inaudible) umuntu arivugisha akisubiza (rires des auditeurs), hanyuma bakabona ko ikibazo cyarangiye. Ibibazo rero mushaka mu mashyaka biri hariya. Hari umwe uvuga ati "nareguye muri PL kandi sinemera Perezida wa PL". Ariko iyo bagomba kwandikira Perezida ibintu... ngo byo kumutesha umutwe ngo no kumucyaha, arongera agasinya ko ari Visi-perezida wa Parti libéral. Icyo twakomeje rero kuvuga muri politiki y'iki gihugu,

ni uko abantu bajya bagira ibitekerezo biri ku murongo, kandi bakavuga imvugo abaturage bashobora kumva kuva ku itariki ya mbere y'ukwa mbere Mutarama bakageza ku itariki ya mirongo itatu na rimwe y'ukwa cumi na kabiri. Iyo umuntu (Inaudible) avuga ko yavuye muri Parti libéral, akavuga ko atemera abayobozi ba Parti libéral, ntabwo twumva uko asinya ari Visi-perezida wa kabiri w'iryo shyaka kandi yareguye! Uvuga rero ati "jyewe ndi Perezida w'ishyaka", ibyo nibajije nkisubiza ni byo byo. Aba bantu mbibajije ntiba... ntiba(inaudible)? Uretse ko njye ntabigira kuko nta nyungu naba mbifitemo, ubanza nta n'iyo nzagira.

Ingaruka rero ni uko nibaramuka barahije abo bantu imbere ya Cour constitutionnelle, batabajije amashyaka yabo ngo barangize ibibazo biri muri ayo mashyaka, ni uko abo bantu badashobora kuzarahira ngo bakore, kuko amashya yabo ntazabakundira.

Ubu noneho si ikibazo cya MRND, twe nta kibazo dufite. Abadepite bacu baremeye, abaministre bacu baremeye, ariko sinzi ko ishyaka ryo ryatanze abantu bakabirukana bose, ritanga abadepite bakabirukana bose bakaza kurahiza abandi, sinzi ko rizatuma abo badepite bakora! Ubwo rero ingaruka zirimo ni uko iyo Guverinoma izaba ije mu kaduruvayo. Kandi ubundi icyifuzo twari dufite ni uko Guverinoma y'Inzibacyuho Yagu... (interruption)

**Fin de la cassette.**